

ITEKA RYA MIMISITIRI N° 005/16.01 RYO KUWA 24/05/2013 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE YA ZA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

MINISTERIAL ORDER N°005/16.01 OF 24/05/2013 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

ARRETE MINISTERIEL N°005/16.01 DU 24/05/2013 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Komite z'ibibaya zirebwa n'iri teka

Article 2: Hydrographic basin Committees under this Order

Article 2: Comités des bassins hydrographiques faisant objet du présent arrêté

UMUTWE WA II : IMITERERE YA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

CHAPTER II: ORGANISATION OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

CHAPITRE II : ORGANISATION DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

Ingingo ya 3: Abagize Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere

Article 3: Composition of hydrographic basin Committee at District level

Article 3: Membres du comité des bassins hydrographiques au niveau du District

Ingingo ya 4: Abagize Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Umurenge

Article 4: Composition of hydrographic basin Committee at the Sector level

Article 4: Membres du comité des bassins hydrographiques au niveau du Secteur

Ingingo ya 5: Uko abagize Komite z'ibibaya by'amazi bashyirwaho n'uko bakurwaho

Article 5: Nomination and removal of members of the hydrographic basin Committees

Article 5: Election et révocation des membres du Comité des bassins hydrographiques

Ingingo ya 6: Ubuyobozi bwa Komite z'ibibaya by'amazi

Article 6: Management of hydrographic basin Committees

Article 6: Administration des comités des bassins hydrographiques

UMUTWE WA III: IMIKORERE YA ZA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

CHAPTER III: FUNCTIONING OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

Ingingo ya 7: Iterana ry'inama za Komite z'ibibaya by'amazi

Article 7: Meetings of the hydrographic basin committees

Article 7: Réunions du comité des bassins hydrographiques

Ingingo ya 8: Kugisha inama inzobere muri za Komite z'ibibaya by'amazi

Article 8: Seeking advice from experts by hydrographic basin committees

Article 8: Consultation d'un expert par les comités des bassins hydrographiques

Ingingo ya 9: Umubare wa ngombwa kugira ngo Komite y'ibibaya by'amazi iterane

Article 9: Quorum for the meeting of the hydrographic basin committee

Article 9: Quorum pour la réunion du comité des bassins hydrographiques

Ingingo ya 10: Itangwa rya raporo

Article 10: Submission of report

Article 10: Transmission du rapport

Ingingo ya 11: Imikoranire ya Komite z'ibibaya by'amazi ku nzego zinyuranye

Article 11: Collaboration between hydrographic basin committees at different levels

Article 11: Collaboration entre les comités des bassins hydrographiques à différents niveaux

Ingingo ya 12: Ibigererwa abagize Komite z'ibibaya by'amazi

Article 12: Logistical support for members of the hydrographic basin Committees

Article 12: Appui aux comités des bassins hydrographiques et leurs membres

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 13: Repealing provision

Article 13: Dispositions abrogatoires

Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 14: Commencement

Article 14: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MIMISITIRI N° 005/16.01 RYO KUWA 24/05/2013 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE YA ZA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

MINISTERIAL ORDER N°005/16.01 OF 24/05/2013 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

ARRETE MINISTERIEL N° 005/16.01 DU 24/05/2013 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

Minisitiri w'Umutungo Kamere;

The Minister of Natural Resources;

Le Ministre des Ressources Naturelles;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 62/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rishyiraho amabwiriza y'imikoreshereze, kubungabunga, kurinda no gukoresha neza umutungo ukomoka ku mazi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 21 n'iya 22;

Pursuant to Law n° 62/2008 of 10/09/2008 putting in place the use, conservation, protection and management of water resources regulations, especially in Articles 20, 21 and 22;

Vu la Loi n° 62/2008 du 10/09/2008 fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection et de gestion des ressources en eau, spécialement en ses articles 20, 21 et 22 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 14/11/2012, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/11/2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/11/2012;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Iri teka rigena imiterere n'imikorere ya za Komite z'ibibaya by'amazi.

This Order determines the organisation and functioning of the hydrographic basin Committees.

Le présent arrêté détermine l'organisation et le fonctionnement des comités des bassins hydrographiques.

Ingingo ya 2: Komite z'ibibaya zirebwa n'iri teka

Iri teka ryerekeye imiterere n'imikorere ya za Komite z'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere n'urw'Umurenge.

UMUTWE WA II : IMITERERE YA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

Ingingo ya 3: Abagize Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere

Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere igizwe na:

- 1° Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze ubukungu;
- 2° umukozi ufite amazi mu nshingano ze ku rwego rw'Akarere;
- 3° umukozi ufite ubuhinzi, ubworozi, ubutaka, imiturire, iterambere ry'imijyi, amashyamba, ibikorwa remezo n'ibidukikije mu nshingano ze ku rwego rw'Akarere;
- 4° uhagarariye komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rwa buri murenge mu karere;
- 5° uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore ku

Article 2: Hydrographic basin Committees under this Order

This Order relates to the organisation and functioning of hydrographic basin Committees at District and Sector levels.

CHAPTER II: ORGANISATION OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

Article 3: Composition of hydrographic basin Committee at District level

The hydrographic basin Committee at District level shall be composed of:

- 1° the District Vice Mayor in charge of economic affairs;
- 2° the in charge of water at the District level;
- 3° the in charge of agriculture, animal resources, land, urbanization, urban development, forests, infrastructure and environment at the District level;
- 4° a representative of hydrographic basin committees at each Sector of that District;
- 5° a representative of National Women

Article 2: Comités des bassins hydrographiques faisant objet du présent arrêté

Le présent arrêté concerne les comités des bassins hydrographiques chargés de la gestion des ressources en eau au niveau du District et du Secteur.

CHAPITRE II : ORGANISATION DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

Article 3: Membres du comité des bassins hydrographiques au niveau du District

Le comité des bassins hydrographiques au niveau du District est composé:

- 1° du Vice Maire chargé des affaires économiques ;
- 2° d'un employé chargé de l'eau au niveau du District ;
- 3° d'un employé chargé de l'agriculture, l'élevage, la terre, l'habitat, le développement urbain, l'infrastructure, les forêts et de l'environnement au niveau du District.
- 4° d'un représentant des comités des bassins hydrographiques au niveau du Secteur dans ce District ;
- 5° d'un représentant du Conseil National

Official Gazette n° Special of 30/05/2013

rwego rw'Akarere;	Council at the District level;	des Femmes au niveau du District ;
6° uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;	6° a representative of the National Youth Council at the District level;	6° d'un représentant du Conseil National de la Jeunesse au niveau du District ;
7° abantu babiri (2) bahagarariye abahinzi n'aborozi ku rwego rw'Akarere;	7° two (2) representatives of farmers at District level;	7° de deux (2) représentants des agriculteurs et éleveurs au niveau du District ;
8° uhagarariye amashyirahamwe y'abakoresha amazi mu buhinzi ku rwego rw'Akarere;	8° a representative of water user organisations in the field of agriculture at District level.	8° d'un représentant des organisations d'usagers de l'eau dans l'agriculture au niveau du District ;
9° uhagarariye abakoresha amazi mu ngo ku rwego rw'Akarere;	9° a representative of water users in domestic activities at the District level;	9° d'un représentant des utilisateurs de l'eau dans les ménages au niveau du District ;
10° abantu babiri (2) bahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta ikora ibijyanye n'amazi mu Karere;	10° two (2) representatives of non-government organizations operating in the field of water in the District;	10° de deux (2) représentants des organisations non gouvernementales au niveau du District ;
11° uhagarariye abikorera ku rwego rw'Akarere;	11° a representative of the Private Sector at the District level;	11° d'un représentant du Secteur Privé ;
12° umukozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe umutungo kamere ukorera ku rwego rw'ikibaya cy'amazi.	12° one staff of the National Authority in charge of Natural Resources operating at the level of the hydrographic basin.	12° d'un employé de l'Office National ayant les ressources naturelles dans ses attributions opérant au niveau du bassin hydrographique.

Ingingo ya 4: Abagize Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Umurenge

Article 4: Composition of hydrographic basin Committee at the Sector level

Article 4: Membres du comité des bassins hydrographiques au niveau du Secteur

Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Umurenge igizwe na:

The hydrographic basin Committee at the Sector level shall be composed of:

Le comité des bassins hydrographiques au niveau du Secteur et composé:

1° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;

1° the Executive Secretary of the Sector;

1° du Secrétaire Exécutif du Secteur;

Official Gazette n° Special of 30/05/2013

- | | | |
|---|---|--|
| 2° umukozi ufite amazi mu nshingano ze ku rwego rw'Umurenge; | 2° the in charge of water at the Sector level; | 2° de l'employé ayant l'eau dans ses attributions au niveau du Secteur ; |
| 3° umukozi ufite ubuhinzi, ubworozi, ubutaka, imiturire, iterambere ry'imijyi, amashyamba, ibikorwa remezo n'ibidukikije mu nshingano ze ku rwego rw' Umurenge; | 3° the in charge of agriculture, animal resources, land, settlement, urbanization, forests, infrastructure and environment at the Sector level; | 3° de l'employé ayant l'agriculture, l'élevage, terre, habitation, développement urbain, infrastructure, forêts, et environnement au niveau du Secteur ; |
| 4° uhagarariye Komite Nshingwabikorwa ya buri Kagari watowe na bagenzi be; | 4° a representative of the Executive Committee of each Cell in the Sector elected by his/her peers; | 4° d'un représentant du comité exécutif de chaque Cellule élu par ses pairs ; |
| 5° uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge; | 5° a representative of the National Women's Council at the Sector level; | 5° d'un représentant du Conseil National des Femmes au niveau du Secteur ; |
| 6° uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubwiruko ku rwego rw'Umurenge; | 6° a representative of the National Youth Council at Sector level; | 6° d'un représentant du conseil national de la jeunesse au niveau de Secteur ; |
| 7° abantu babiri (2) bahagarariye abahinzi n'aborozi ku rwego rw'Umurenge; | 7° two (2) representatives of farmers at the Sector level; | 7° de deux (2) représentants des agriculteurs et éleveurs au niveau du Secteur ; |
| 8° uhagarariye abakoresha amazi mu ngo ku rwego rw'Umurenge; | 8° a representative of water domestic users at the Sector level; | 8° d'un représentant des utilisateurs de l'eau dans les ménages au niveau du Secteur ; |
| 9° abantu babiri (2) bahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta ikora ibijyanye n'amazi mu Murenge; | 9° two (2) representatives of non-governmental organisations working in the field of water resources at the Sector level; | 9° de deux (2) représentants des organisations non gouvernementales travaillant sur les ressources de l'eau au niveau du Secteur ; |
| 10° uhagarariye amashyirahamwe y'abakoresha amazi mu buhinzi ku rwego rw'Umurenge; | 10° a representative of water user organisations in the field of agriculture at the Sector level; | 10° d'un représentant des organisations d'usagers de l'eau dans l'agriculture au niveau du Secteur ; |
| 11° uhagarariye abikorera ku rwego rw'Umurenge. | 11° a representative of the Private Sector at Sector level. | 11° d'un représentant du Secteur Privé au niveau du Secteur. |

Ingingo ya 5: Uko abagize Komite z'ibibaya by'amazi bashyirwaho n'uko bakurwaho

Uretse abasanze ari abakozi b'Akarere cyangwa ab'Imirenge bajya muri Komite z'ibibaya by'amazi kubera imirimo bakora, abahagarariye ibyiciro batoranywa kandi bagakurwaho n'ibyiciro bahagarariye.

Ingingo ya 6: Ubuyobozi bwa Komite z'ibibaya by'amazi

Komite z'ibibaya by'amazi zigira ubuyobozi bugizwe na Perezida, Visi Perezida, umwanditsi n'Abajyanama babiri (2).

Umuyobozi w'Akarere atumiza inama ya mbere ya Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere ari na yo itora abagize ubuyobozi.

Bitewe n'urwego Komite ishamikiyeho, umukozi ufite umutungo kamere w'amazi, mu nshingano ze, ni we uba Umunyamabanga wa Komite.

Icyakora, ku rwego rw'Umurenge, Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge ni we utumiza inama ya mbere ya Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Umurenge ari na yo itora abagize ubuyobozi bwayo.

Article 5: Nomination and removal of members of the hydrographic basin Committees

Except the District and Sector staff who are members of hydrographic basin Committees due to their positions, the representatives of different organs shall be nominated and removed by their respective organs that they represent.

Article 6: Management of hydrographic basin Committees

The management of hydrographic basin Committees shall be composed of the President, the Vice President, Secretary and two (2) Advisors.

The Mayor of the District shall convene the first meeting of the hydrographic basin Committee at District level in which management members shall be elected.

Depending on the organ to which the Committee is linked, the officer in charge of water resources shall be the Secretary of the Committee.

However, at the Sector level, the Executive Secretary of the Sector that shall convene the first meeting of hydrographic basin committee at the Sector level in which Committee management members shall be elected.

Article 5: Election et révocation des membres du Comité des bassins hydrographiques

A part les employés des Secteurs et Districts qui sont membres des Comités des bassins hydrographiques de par les postes qu'ils occupent, les autres membres sont élus et révoqués par les organes qu'ils représentent.

Article 6: Administration des comités des bassins hydrographiques

L'administration des comités des bassins hydrographiques est composée du Président, du vice-président, Secrétaire et de deux conseillers.

Le Maire du District convoque la première réunion du comité des bassins hydrographiques au niveau du District qui élit les membres de son administration.

En raison de l'instance à laquelle le Comité est attaché, l'employé chargé des ressources en eau est d'office le secrétaire du Comité.

Toutefois, au niveau du Secteur, c'est le Secrétaire Exécutif du Secteur qui convoque la première réunion du comité des bassins hydrographiques au niveau du Secteur qui élit les membres de son administration.

UMUTWE WA III: IMIKORERE YA ZA KOMITE Z'IBIBAYA BY'AMAZI

CHAPTER III: FUNCTIONING OF HYDROGRAPHIC BASIN COMMITTEES

CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DES COMITES DES BASSINS HYDROGRAPHIQUES

Ingingo ya 7: Iterana ry'inama za Komite z'ibibaya by'amazi

Komite z'ibibaya by'amazi ziterana inshuro imwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Inama itumizwa mu nyandiko na Perezida cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, binyujijwe ku Muyobozi w'Akarere.

Ubutumire bugomba kugera ku bagize Komite nibura iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko inama iterana.

Ubutumire bugomba kugaragaza ingingo zizigwaho mu nama.

Inama idasanze itumizwa igihe cyose bibaye ngombwa

Ingingo ya 8: Kugisha inama inzobere muri za Komite z'ibibaya by'amazi

Komite z'ibibaya by'amazi zishobora kwifashisha inzobere mu mirimo yazo, mu rwego rw'ubujyanama, bitewe n'ingingo iri kuri gahunda y'ibygwa.

Article 7: Meetings of the hydrographic basin committees

The meetings of hydrographic basin committees are held once per quarter and whenever it is considered necessary. The President, or the Vice President in case of absence of the President, shall convene the meeting in writing, through the Mayor of the District.

Invitations shall reach the Committee members at least fifteen (15) days before the meeting is held.

The invitation must indicate the items on the agenda of the meeting.

An extraordinary meeting shall be convened whenever it is considered necessary.

Article 8: Seeking advice from experts by hydrographic basin committees

Hydrographic basin Committees may seek advice from experts depending on certain items on the agenda.

Article 7: Réunions du comité des bassins hydrographiques

Les comités des bassins hydrographiques se réunissent une fois le trimestre et chaque fois qu'il est nécessaire. La réunion est convoquée par le Président ou le Vice-président en cas d'empêchement du Président avec sous couvert du Maire du District.

L'invitation doit parvenir aux membres du comité au moins quinze (15) jours avant la date de la réunion.

L'invitation doit indiquer les points à l'ordre du jour

Une session extraordinaire est convoquée chaque fois que c'est nécessaire.

Article 8: Consultation d'un expert par les comités des bassins hydrographiques

Les comités des bassins hydrographiques peuvent requérir l'avis des experts sur les points à l'ordre du jour.

Ingingo ya 9: Umubare wa ngombwa kugira ngo Komite y'ibibaya by'amazi iterane

Komite y'ibibaya by'amazi iterana mu buryo bwemewe n'amategeko habonetse bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bitabiriye inama.

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka hagakurikizwa ubwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bahari.

Ingingo ya 10: Itangwa rya raporo

Inama za Komite z'ibibaya by'amazi zose zikorera raporo. Izo raporo zishyikirizwa Komite yo ku rwego rwisumbuyeho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'iterana ry'inama.

Komite y'ibibaya by'amazi kandi ikora raporo y'ibikorwa buri gihembwe, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) igihembwe kirangiye.

Perezida wa Komite y'ibibaya by'amazi ku rwego rw'Akarere ashidikiriza raporo yayo Umuyobozi w'Akarere na we akayishyikiriza Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe yayigerejweho.

Article 9: Quorum for the meeting of the hydrographic basin committee

The meeting of the hydrographic basin committee shall be held legally if at least two thirds (2/3) of its members are present.

Decisions shall be taken through consensus, if not possible, they shall be taken on the basis of a majority vote of two thirds (2/3) of the members present.

Article 10: Submission of report

All meetings of the hydrographic basin committee shall be reported. The reports shall be submitted to the hydrographic basin committee at a higher level in a period not exceeding fifteen (15) days after the meeting is held.

The hydrographic basin committee shall also prepare a quarterly activity report within a period of fifteen (15) days following the end of the quarter.

The President of the hydrographic basin Committee at the District level shall submit the report to the Mayor of the District who further shall submit it to the Minister in charge of water resources in a period of fifteen (15) days after the reception of the report.

Article 9: Quorum pour la réunion du comité des bassins hydrographiques

Le comité des bassins hydrographiques se réunit valablement si au moins les deux-tiers (2/3) de ses membres sont présents.

Les décisions sont prises par consensus, dans le cas contraire par voie de vote par la majorité des deux-tiers (2/3) des membres présents.

Article 10: Transmission du rapport

Toutes les réunions du comité des bassins hydrographiques font l'objet d'un rapport. Ce rapport est transmis au comité de l'échelon supérieur dans les quinze (15) jours à compter de la date de la tenue de la réunion.

Le comité des bassins hydrographiques prépare aussi un rapport d'activités trimestriel dans les quinze (15) jours qui suivent la fin du trimestre.

Le comité des bassins hydrographiques au niveau du District achemine son rapport au Maire du District qui à son tour l'achemine au Ministre ayant les ressources en eau dans ses attributions dans les quinze (15) jours à compter de la réception de ce rapport.

Ingingo ya 11: Imikoranire ya Komite z'ibibaya by'amazi ku nzego zinyuranye

Mu gihe Komite z'ibibaya by'amazi ziri ku rwego rumwe zihuriye ku kibaya kimwe, zishobora gukorera hamwe mu rwego rw'imicungire myiza y'icyo kibaya.

Icyemezo gifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka, kigashyikirizwa urwego rwisumbuye, cyangwa Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze, mu gihe imicungire y'ikibaya ireba Uturere twinshi.

Ingingo ya 12: Ibigererwa abagize Komite z'ibibaya by'amazi

Akarere kagera Komite z'ibibaya by'amazi ziri mu ifasi yako ibikoresho n'ibindi byangombwa zikenera mu mirimo yazo kugira ngo zishobore kurangiza inshingano zazo.

Abagize Komite bakora imirimo ya Komite y'Ibibaya by'amazi mu buryo bw'ubukorerabushake.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 11: Collaboration between hydrographic basin committees at different levels

Where hydrographic basin committees of the same level share the same basin, they may collaborate for the proper management of the basin.

The decision shall be reached on consensus, and if not possible, it shall be referred to a higher authority, or to the Minister in charge of water resources if the management of the basin involves several Districts.

Article 12: Logistical support for members of the hydrographic basin Committees

The District shall provide to hydrographic basin Committees in its jurisdiction all the necessary logistical requirements and any other support to enable them to fulfill their responsibilities.

Members of the hydrographic basin Committees shall operate on a voluntary basis.

CHAPTER 5 : FINAL PROVISIONS

Article 13: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 11: Collaboration entre les comités des bassins hydrographiques à différents niveaux

Lorsque les comités des bassins hydrographiques de même niveau partagent le même bassin, ils peuvent œuvrer ensemble pour la bonne gestion de ce bassin.

La décision est prise par consensus et dans le cas contraire, elle est soumise à l'échelon supérieur ou au Ministre ayant les ressources en eau dans ses attributions quand la gestion du bassin implique plusieurs Districts.

Article 12: Appui aux comités des bassins hydrographiques et leurs membres

Afin de leur permettre d'accomplir leur mission, les comités des bassins hydrographiques reçoivent du District le soutien logistique et tout autre appui nécessaire.

Les membres du comité des bassins hydrographiques agissent à titre bénévole.

CHAPITRE 5: DISPOSITIONS FINALES

Article 13: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Official Gazette n° Special of 30/05/2013

Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 24/05/2013

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minisitiri w'Umutungo Kamere

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 14: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 24/05/2013

(sé)

KAMANZI Stanislas
Minister of Natural Resources

Seen and sealed with Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Article 14: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 24/05/2013

(sé)

KAMANZI Stanislas
Ministre des Ressources Naturelles

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux